



REPUBLIKA Y'U RWANDA



IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

UKWEZI KW'UKUBOZA 2022

10 Mutarama 2023

IKIGO CY'IGHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KW'UKUBOZA 2022

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kw'Ukuboza 2022. Icipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 21,6% mu kwezi kw'Ukuboza 2022 ugereranyije n'Ukuboza 2021. Ibiciro mu kwezi kw'Ugushyingo 2022 byari byiyongereyeho 21,7%.

Mu kwezi kw'Ukuboza 2022, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 44,3%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 9,1%, n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 12,9%.

Iyo ugereranyije Ukuboza 2022 n'Ukuboza 2021, usanga ibiciro by'ibantu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byariyongereyeho 15,4%.

Iyo ugereranyije Ukuboza 2022 n'Ugushyingo 2022, usanga muri rusange ibiciro bitarahindutse.

B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi kw'Ukuboza 2022, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 39,2% ugereranyije n'Ukuboza 2021. Ibiciro mu kwezi kw'Ugushyingo 2022 byari byiyongereyeho 42,9%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kw'Ukuboza, ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 66,1% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 16,5%.

Iyo ugereranyije Ukuboza 2022 n'Ugushyingo 2022 ibiciro byagabanutseho 2,5%. Iri manuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 4,1%.

C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kw'Ukuboza 2022 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 31,7% ugereranyije n'Ukuboza 2021. Mu kwezi kw'Ugushyingo 2022 ibiciro byari byiyongereyeho 33,8%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kw'Ukuboza 2022, ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 59,2% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 13,1%.

Iyo ugereranyije Ukuboza 2022 n'Ugushyingo 2022 ibiciro byagabanutseho 1,5%. Iri manuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 3,3%.

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva m'Ukuboza 2021 kugeza m'Ukuboza 2022.

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva m'Ukuboza 2021 kugeza m'Ukuboza 2022 ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije													
2021 12	2022 01	02	03	04	05	06	07	08	09	10	11	12	
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi	1,9	4,3	5,8	7,5	9,9	12,6	13,7	15,6	15,9	17,6	20,1	21,7	21,6
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro	-4,7	-0,8	3,1	4,3	11,0	16,4	17,9	22,5	23,6	28,5	39,2	42,9	39,2
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda	-2,0	1,3	4,2	5,6	10,5	14,8	16,1	19,6	20,4	23,9	31,0	33,8	31,7
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi	0,0	2,1	1,8	3,1	2,4	1,9	0,8	1,7	0,5	2,1	2,7	0,8	0,0
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro	0,1	2,9	4,5	2,6	4,7	2,3	1,5	3,5	1,6	3,8	7,6	1,5	-2,5
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda	0,1	2,5	3,3	2,8	3,7	2,1	1,2	2,7	1,1	3,1	5,6	1,3	-1,5
<i>Isoko:Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda</i>													

Ku bindi bisobanuro:

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103 Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw